**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'AMAJYARUGURU**
**AKARERE KA MUSANZE**
**B.P 03 MUSANZE**
**Website: www.musanze.gov.rw**
**E-mail: musanzedistrict@musanze.gov.rw**

## ITANGAZO N°948../07.04.03 RIHAMAGARIRA GUPIGANIRA AMAVURIRO Y'IBANZE (Health Posts)

Ubuyobozi bw'Akarere ka Musanze buramenyesha abantu bafite ubushake n'ubushobozi kandi bujuje ibisabwa mu gucunga amavuriro y'ibanze (Health posts) mu rwego rwa **« Public Private Community Partnership»**, ko bwifuza kwegurira ba Rwiyemezamirimo bazakoresha amavuriro y'ibanze akurikira:

| NO | UMURENGE | AKAGARI | IBUVIRO RY'IBANZE |
|---|---|---|---|
| 1 | KIMONYI | BURAMIRA | BURAMIRA |
| 2 | KINIGI | BISATE | NYABIGOMA |
| 3 | GACACA | KABIRIZI | KABIRIZI |
| 4 | MUKO | SONGA | SONGA |

**IBISABWA USHAKA GUCUNGA IVURIRO RY'IBANZE:**

- Kuba ari umunyarwanda
- Kuba afite impamyabushobozi yo mu rwego rwa **A2/A1/A0** mu mwuga w'ubuforomo cyangwa muri Clinical Medicine and Community Health;
- Kuba afite icyemezo cyo gukora umwuga (License) kitararenza igihe; gitangwa n'urugaga abarizwamo mu Rwanda;
- Kuba yarakoze nibura imyaka **3** mu mavuriro ya leta, imyaka **2** mu mavuriro y'igenga;
- Kuba yiteguye kureka akazi asanzwe akora akikorera mu ivuriro;

Ibyangombwa bisabwa ni ibi bikurikira:

- Ibaruwa yandikiwe umuyobozi w'Akarere isaba gucunga ivuriro ry'ibanze (usaba agaragaza izina ry'iryo yifuza gucunga, igomba kuba isinye )
- Umwirondoro usinye.
- Fotokopi ya diplôme iriho umukono wa Noteri
- Fotokopi y'icyangombwa (**License**) kimwemerera gukora umwuga kitararenza igihe.
- Fotokopi y'irangamuntu
- Icyemezo cy'umukoresha kigaragaza uburambe.

**N.B**: Utsindiye ivuriro, agomba kwemera gukorana na RSSB kandi akubahiriza amasezerano bagiranye.

Uwifuza gupiganira gucunga ivuriro kandi wujuje ibisabwa byavuzwe haruguru, yohereza ibyangombwa bisabwa (**scanned & signed documents**) ku E-mail y'Akarere ka Musanze ***health.recruitment@musanze.gov.rw*** bitarenze tariki ya **15/10/2021** saa kumi n'imwe (**17h00**).

Bikorewe i Musanze, kuwa 05 OCT 2021

AKARERE KA MUSANZE

**NUWUMUREMYI Jeannine**
Umuyobozi w'Akarere ka Musanze